

REPUBULIKA Y'U RWANDA



IKIGO CY'IGIHUGU GISHINZWE IBARURISHAMIBARE

**IBARURA KU MIBEREHO RUSANGE Y'INGO
(HARIMO N'UBURYO UMUTUNGO UKORESHWA)**

**- E.I.C.V.4 -
2013-2014**

AGATABO K'AMABWIRIZA AJYANYE NO :

- GUSHAKISHA INGO N'ABAGIZE "PANEL" (Tracking)**
- GUSHYIRA INOMERO KU MAZU N'INGO (Listing)**
- GUTORANYA INGO ZIZABAZWA EICV4 (Sampling)**

NZERI 2013

IBIRIMO

IBIRIMO	2
I. IBISOBANURO RUSANGE	3
II. GUSHAKISHA NO KUBARURA INGO ZIGIZE “PANEL”	6
III. GUSHYIRA INOMERO KU MAZU NO KU NGO	17
IV. GUTORANYA INGO ZIZABAZWA NO GUFATA IBIPIMO BYA GPS	22
UMUGEREKA 1: “TABLE” YO GUTORANYA INGO NSHYA MU NTARA	28
UMUGEREKA 2: “TABLE” YO GUTORANYA INGO NSHYA MU MUJYI WA KIGALI	39
UMUGEREKA 3: “TABLE” YO GUTORANYA INGO ZISIMBURA MURI PANEL	49

I. IBISOBANURO RUSANGE

1. Iriburiro

Mu rwego rwo gukomeza kunoza gahunda z'iterambere no gukurikirana ingamba zafashwe mu by'ubukungu no kurwanya ubukene, Leta yahaye Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Ibarurishamibare mu Rwanda (NISR) inshingano yo gukora ku ncuro ya kane "Ibarura ku mibereho rusange y'ingo (EICV4)" rigamije kurushaho kumenya uko imibereho y'abaturage n'ubukungu byifashe mu gihugu.

Iri barura EICV4 ryabanjirijwe na EICV1 (2000/2001), EICV2 (2005/2006) na EICV3 (2010/2011). Hakurikijwe ko imibare itangwa na EICV ikenewe cyane kandi mu gihe cya hafi, byatumye iri barura risanzwe rikorwa buri myaka 5 rigomba gukorwa buri myaka 3. Indi mpinduka mu bushakashatsi EICV ni **"PANEL"**, bivuga ko hari ingo zakorewemo EICV3 tuzongera gukoreramo EICV4 kugirango zizifashishwe mu gusesengura ibyavuye mu ibarura, cyane cyane hasobanurwa impinduka yabaye muri izo ngo hagati ya EICV3 na EICV4. Na none, EICV4 izashakisha imibare ijyanye n'imibereho y'ingo zikorana na gahunda ya VUP (Vision 2020 Umurenge Programme).

2. Intego za EICV4

Ibarura rya kane ku Mibereho Rusange y'Ingo harimo n'uburyo umutungo ukoreshwa (EICV4), ndetse no gukurikirana imibereho y'ingo zimwe na zimwe muzakorewemo ibarura rya 3 rigamije ibi bikurikira:

1. Kugaragaza ibimenyetso byerekana imibereho y'abaturage n'ubukungu mu ngo no kwerekana uko byarushijeho kuba byiza cyangwa ko ntacyahindutse tugereranyije n'ibyagaragajwe n'ibarura rya EICV3 ryakozwe mu mwaka wa 2010/2011;
2. Gutanga imibare ifatika yashingirwaho mu gusuzuma ibyagezweho n'intego z'ikinyagihumbi (MDGs);
3. Gutanga imibare ifatika yashingirwaho mu kugena politiki zigenderwaho mu mibereho no mu bukungu cyane cyane muri gahunda za EDPRS2;
4. Kumenya ibyiciro by'abaturage izo politiki zaba zireba kugira ngo Leta n'abafatanyabikorwa babashe guhitamo ahakenewe imbaraga byihutirwa;
5. Gusuzuma ibyagezweho mu mibereho rusange y'ingo hakurikijwe politiki z'ubukungu n'imishinga ikorwa mu nzego zitandukanye z'ubukungu n'imibereho myiza;
6. Gutanga imibare yafasha gukora ubushakashatsi bwihariye ku bukene, ku miturire, ku mirire n'ibindi.
7. Gusesengura neza ikigereranyo cy'imihindagurikire y'imibereho y'ingo hifashishijwe imiterere y'ingo **"PANEL"** zakorewemo ibarura rya 3 (EICV3) n'irya 4 (EICV4).
8. Gutanga imibare ngenderwaho y'imibereho rusange y'ingo zikorana na gahunda ya VUP.

3. *Uburyo EICV4 yateguwe*

Nkuko byakozwe muri EICV3, ubushakashatsi EICV4 buzakorera mu midugudu/udupande tw'ibarura 1230 (50 muri buri Karere ko mu Mujyi wa Kigali na 40 muri buri Karere ko mu Ntara). Muri buri mudugudu/agapande k'ibarura, ibarura rizakorera mu ngo 9 mu Mujyi wa Kigali n'ingo 12 mu Ntara, bihwaye n'ingo 14310 mu gihugu cyose. Ariko, kuri uwo mubare w'ingo, haziyongeraho ingo 2460 zikorana na gahunda ya VUP, zose hamwe zikaba ingo 16770.

Gutoranya ingo zizabazwa byakozwe ku nzego ebyiri:

a) **EICV4 mu ngo zisanzwe:**

- ❖ ku rwego rwa mbere: muri buri Karere, hatanyijwe udupande tw'ibarura bishingiye ku mubare w'ingo zituyemo n'imwe mu midugudu yakorewemo EICV3.
- ❖ Ku rwego rwa kabiri hazatoranywa ingo zikenewe mu ngo zose zituye agapande k'ibarura katoranyijwe. Kubijyanye na "Panel", ingo zakorewemo EICV3 ni nazo zizakorera EICV4.

Gutoranya ingo ku rwego rwa kabiri bisaba ko ingo zose zituye mu gapande k'ibarura zibarurwa kugirango umubare wazo na ba nyirazo bamenyekane.

Muri buri Karere, umurimo wo gutoranya ingo zizakorera ibarura no kumenya aho ingo zigize panel zihereye bizakorera n'abashinzwe gukora ibarura mu gihe cy'iminsi 2 mu Ntara n'iminsi 3 mu Mujyi wa Kigali mbere y'uko ibiganiro mu ngo bitangira.

b) **EICV4 mu ngo za VUP:**

VUP ni gahunda ikorera muri MINALOC ifasha ingo zikennye cyane kwikura mu bukene hakoreshejwe ubwoko butatu bw'inkunga:

- 1) Direct Support: Amafaranga y'ingoboka ahabwa ingo zikennye cyane zigizwe n'abantu batishoboye.
- 2) Public Work: Akazi gahabwa umwe mu bagize ingo zikennye cyane maze akabona umushahara ufasha urugo.
- 3) Financial Service: Inguzanyo y'igishoro ihabwa abagize urugo iyo bashoboye gutegura umushinga, maze bityo bikabafasha kwikura mu bukene.

Muri ubu bushakashatsi bureba gahunda ya VUP, ingo 2640 zizatoranywa hakurikijwe ubwo bwoko bw'inkunga kugira ngo hazaboneke imibare ngenderwaho mu gusuzuma ibyagezweho na buri bwoko bw'imfashanyo.

- ❖ ku rwego rwa mbere rwo gutoranya ingo: hatanyijwe Clusters/Grappes 220 (60 mu Mujyi wa Kigali na clusters 40 muri buri Ntara) bishingiye ku mubare w'ingo zifashwa na gahunda ya VUP zihurijwe mu mudugudu umwe cyangwa mu midugudu myinshi. Muri buri Cluster/Grappe, ibarura rizakorera mu ngo 9 mu Mujyi wa Kigali no mu ngo 12 mu Ntara, ari byo bihwaye n'ingo 2460 mu gihugu cyose.
- ❖ ku rwego rwa kabiri hazatoranywa ingo zikenewe mu ngo zose zikorana na VUP zituye muri Cluster/Grappe yatoranyijwe. Hifashishijwe urutonde rw'ingo zikorana na gahunda ya VUP, bisaba ko izo ngo zose zituye muri Cluster/Grappe zibarurwa kugirango umubare wazo umenyekane mbere yo gutoranya ingo zizakorera ibarura. Uwo murimo uzakorwa

n'abashinzwe gukora ibarura mu gihe cy'iminsi 2 mu Ntara n'iminsi 3 mu Muji wa Kigali mbere y'uko ibiganiro mu ngo bitangira.

Icyitonderwa:

- 1) Mu gihe cyo gutoranya ingo zizakorerwamo ibarura, hateganywa ingo zo gusimbura izitashoboye kuboneka ngo zibazwe; mu Muji hateganywa ingo 3 naho mu Ntara hateganywa ingo 4. Nicyo gituma mu Muji hatoranywa ingo 12 naho mu Ntara hagatoranywa ingo 16.*
- 2) Mu mudugudu izakorerwamo nka "Panel", amazu yose atuye mu mudugudu azashyirwaho inomeru n'ingo zishyirwe ku rutonde maze hatoranywe ingo 6 hirengagijwe izakorewemo EICV3 muri 2010/2011. Izo ngo 6 zizasimbura ingo za "Panel" zitazaboneka mu mudugudu zari zituyemo kugirango wa mubare w'ingo zibazwa muri cluster wubahirizwe (ingo 9 mu Muji n'ingo 12 mu Ntara). Ingo zatoranyijwe gusimbura mu Muji zizahabwa nimeru 13 kugera kuri 18, naho mu Ntara zizahabwa nimeru 17 kugera kuri 22.*

II. GUSHAKISHA NO KUBARURA INGO ZIGIZE “PANEL”

Ingo zigize “Panel” ni 1998 ziri mu midugudu 177 muri rusange; 42 mu Mujyi wa Kigali (imidugudu 14 muri buri Karere) na 135 mu Ntara (imidugudu 5 muri buri Karere). Nyuma yo gushyira inomeru ku mazu no gushyira ingo ku rutonde mu mudugudu wa “Panel”, ingo zakorewemo EICV3 zizamenyekana. Birashoboka ko urugo rwaba rugituye aho rwabaruriwe muri EICV3 nkuko rwaba rutakihatuye kubera impamvu yo kwimuka cyangwa indi mpamvu. Hari uburyo 3 dusangamo izo ngo:

- a) Urugo rwabonetse aho rwari rutuye n’abari barugize bese: icyo gihe, rurabarurwa n’abarutuye bese.
- b) Urugo rwabonetse aho rwari rutuye, ariko bamwe mu bari barugize ntibakirubamo, icyo gihe, rurabarurwa n’abarutuye. Abatakirubamo bari bafite nibura imyaka 13 y’amavuko mu gihe cya EICV3:
 - Niba batuye muri uwo mudugudu, bazabarurwa uretse abafitanye isano 11 na 12 batarikumwe n’umwe mu bari bagize urugo bafitanye andi masano na nyiri urugo (01-10);
 - Niba batagituye muri uwo mudugudu, abazashakishwa kugirango babarurwe ni abafitanye amasano 01- 04 na nyiri urugo hifashishijwe ifishi PLS4.
- c) Urugo ntirwabonetse aho rwari rutuye: icyo gihe, ruzashakishwa iyo rwimukiye hifashishijwe ifishi PLS4.

Icyitonderwa: Niba urugo rwa “Panel” rwarimutse mu nzu rwari rutuyemo mu gihe cya EICV3, urugo rutuye muri iyo nzu ruzabarurwa muri EICV4 nk’urugo rushya.

Amafishi yifashishwa mu gikorwa cyo kubarura ingo n’abazigize muri “Panel” ni aya akurikira:

1) FORM PLS1:

Iyi fishi (**FORM PLS1 “PANEL LISTING SHEET”**) itanga amakuru y’imiterere y’abari bagize urugo bese mu gihe EICV3 yakorwaga muri 2010/2011. Aya makuru yinjijwe muri mudasobwa akubiyemo amazina, igitsina, imyaka n’isano bafitanye na nyiri urugo bya buri wese wari ugize urugo muri EICV3.

Aya makuru azafasha abakarani b’ibarura gushakisha urugo mu mudugudu rwari rutuyemo no kumenya abagomba gushakishwa niba batakiba muri urwo rugo.

EICV 4 PANEL LISTING SHEET: UMWIRONDO RO W'URUGO

The cluster is: 5002

Village 11020201 BIBUNGO

The household number is: 03

Province 1 Kigali

District is: 1 Nyarugenge

Sector is: 02 KANYINYA

Cellule is: 02 NZOVE

LONGITUDE READING is: 30.0684

LATITUDE READING is: -1.9458

EICV 3 HOUSEHOLD SIZE: 5

PID	NAME		SEX	AGE	REL
1	NGARAMBE	JAMES	1	59	1
2	GATAMA	CORINE	2	55	2
3	NKURIZA	JUVENAL	1	32	3
4	KAYITESI	ASTRID	2	25	3
5	UWERA	MARIE	2	18	12

Urugo rushobora kuboneka mu mudugudu rwari rutuyemo cyangwa se rwarimukiye ahandi:

a. Urugo rwabonetse mu mudugudu rwari rutuyemo:

Amakuru yo muri PLS1 yandukurwa mu gika 0 cy'urutonde rw'ibibazwa (paji 0.4) iyo urugo rwabonetse rukaba rwiteguye kubarurwa. Abantu bose bari bagize urugo buzurizwa amakuru ajyanye n'ikibazo cya 1 kugera ku kibazo cya 4. Hanyuma, kuri buri wese, abazwa ikibazo cya 5 hakamenyekana abagituye mu rugo (1), abatakihaba (2) n'abapfuye (3).

Ikibazo cya 6 kibazwa Nyiri urugo wenyine, gituma umukarani w'ibarura amenya niba hari abantu bashya biyongereye ku bari mu rugo, aribo: abana bavutse cyangwa abantu bimukiye mu rugo. Niba bahari, amazina yabo yandikwa mu kibazo cya 7 uhaye ku murongo ujyanye na ID ikurikira iyarigezweho muri EICV3 maze kuri buri wese hakuzuzwa ikibazo cya 8 kivuga ukwezi n'umwaka umuntu yagereye muri urwo rugo.

Iyo ibyo birangiye, mu kibazo cya 9 abagize urwo rugo bose muri EICV4 bahabwa No ID (ku murongo umwe n'amazina yabo) uhaye kuri nyiri urugo w'ubu, uwo bashakanye, abana n'abandi. Hanyuma, mukandukura abagize urugo mu gika cya 1 ukurikije No ID zabo.

b. Urugo rwimukiye ahandi:

Iyo urugo rwimukiye ahandi, amakuru yo muri PLS1 yandukurwa kuri PLS3, maze hagashakishwa amakuru y'aho urugo rwimukiye.

2) FORM PLS3 (yuzuzwa iyo urugo rwimutse cyangwa se iyo bamwe mu bari barugize barimutse):

Ifishi PLS3 ifasha umukarani w'ibarura gufata umwanzuro wo gushakisha urugo rwimutse cyangwa bamwe mu bagize urugo batandukanye n'urugo rwabo. Amakuru yuzuzwa kuva ku nkingi ya 1 kugera ku ya 4 aha mu fishi PLS1.

Amakuru arebana na EICV3					Kuba akiba mu rugo	Aho atuye ubu	Gushakisha abimutse			Kuzurizwa PLS4
0	1	2	3	4	5	6	7	8	9	10
N O I D	Amazina y'abari bagize urugo muri EICV3	Igitsin a Gabo... 1 Gore... 2	Isano "... yari afitanye na nyiri urugo? Nyiri urugo (HH)01 Uwashakanye na HH02 Abana ba HH03 Abana bakiriwe na HH04 Se/Nyina wa HH05 Umuwandimwe wa HH06 Abuzukuru ba HH07 Sebukwe/Nyirabukwe wa HH ...08 Baramu/Baramukazi ba HH.....09 Abandi bafitanye indi sano na HH.....10 Abandi badafitanye isano na HH.11 Umukozi wo mu rugo uhembwa..12	"..." yari afite imyaka ingahe igihe cya EICV3?	"..." aracyaba muri uru rugo? Yego1 =>Q10 Oya, ntakiyibamo2 Oya, yarapfuye ...3 => umuntu ukurikira	"..." yaba atuye he ubu? 1=Mu mudugudu asanzwemo =>Q10 2=Mu wundi mudugudu w'Akarere asanzwemo 3=Mu kandi Karere 4= Mu Mujyi wa Kigali 5=Mu kindi Gihugu => umuntu ukurikira 8=Ntabizi => umuntu ukurikira	Uzuriza uwimutse kimwe muri ibi bikurikira: 1= Uwari afite nibura imyaka 13 y'amavuko kandi isano na nyiri urugo ari 1-4 2= Uwari afite nibura imyaka 13 y'amavuko kandi isano na nyiri urugo ari 5-10 3= Umwana warufite muni y'imyaka 13 y'amavuko 4= Udafitanye isano na nyiri urugo (11 na 12)	Ese '.....' yimukan ye n'undi wari uwo muri uru rugo? Yego.... 1 Oya..... 2	Muhe PID y'uwo bimukan ye ufite isano ya hafi na nyiri urugo cg Muhe PID ye niba yarimuts e wenyine	Ese, wujuriye "... ifishi PLS4? 1= Yego 2= Yego, kuri PLS4 y'undi muntu 3= Oya kuko agituye mu mudugudu 4= Ntabwo ashakishwa 5= Oya, nta makuru twamubone ye

Ikibazo cya 5 kibaza niba umuntu akiba mu rugo. Iyo igisubizo ari 1 bivuga ko akirubamo, maze mukajya ku kibazo cya 10, niba ari 2 bivuga ko atakiyibamo, maze mugakomeza, naho niba ari 3 bivuga ko yafuye, mujya ku muntu ukurikira.

Ku bantu batakirubamo (bashubije 2 ku kibazo cya 5), ikibazo cya 6 kigamije kumenya aho batuye ubu. Niba igisubizo ari 1 (atuye mu mudugudu ukorerwamo ibarura), mujya ku kibazo cya 10 kuko kubashakisha bitagoye. Niba yarimukiye ahandi mu Rwanda (ibisubizo 2-4) mukomeza ku kibazo cya 7, niba igisubizo ari 5 cyangwa 8, mubaza umuntu ukurikira kuko abo batashakishwa.

Ikibazo cya 7 gifasha kumenya abantu bimutse bagomba gushakishwa.

- Igisubizo 1 ni abafitanye isano 01- 04 na Nyiri urugo bari bafite nibura imyaka 13 y'amavuko mu gihe cya EICV3. **Aba bagomba gushakishwa aho bimukiye.**

- Igisubizo 2 ni abafitanye isano 05-10 na Nyiri urugo bari bafite nibura imyaka 13 y'amavuko mu gihe cya EICV3. ***Aba babazwa muri EICV4 iyo bimukiye mu mudugudu bari batuyemo mu gihe cya EICV3 cyangwa iyo bimukiye ahandi hamwe n'umwe mu bashubirijwe 1.***
- Igisubizo 3 ni abana bari bafite munsu y'imyaka 13 y'amavuko mu gihe cya EICV3. ***Aba bana babazwa muri EICV4 iyo bimutse hamwe n'umwe mu bashubirijwe 1.***
- Igisubizo 4 ni abadafitanye isano na Nyiri urugo (11 na 12). ***Aba ntibashakishwa, ariko iyo bimukanye n'umwe washubirijwe 1 babazwa muri EICV4.***

Ikibazo cya 8 kibaza niba uwimutse yarajyanye n'abandi bari bagize urugo muri EICV3, maze ku kibazo cya 9 mukamuha PID (Person ID), bivuga No ID y'uwaru afite isano ya hafi na Nyiri urugo. Niba yarimutse wenyine, mumuha PID ye. Uyu niwe uzuzurizwa ifishi PLS4 itanga amakuru y'aho yimukiye.

Ikibazo cya 10 cyuzuzwa igikorwa cyo gushakisha abimutse kirangiye, hakurikijwe ibyujijwe kuri PLS4.

Tumaze kureba ibikubiye muri PLS4, turasanga kuri iki kibazo, igisubizo 1 ni uwujurijwe PLS4, igisubizo 2 ni uwimukanye n'uwujurijwe PLS4, igisubizo 3 ni utuye mu mudugudu bitabaye ngombwa kuzuriza PLS4. Igisubizo 4 ni abdashakishwa kuko badafitanye isano na nyiri urugo (isano 11 na 12), naho igisubizo 5 bivuga ko uwo muntu atabonewe amakuru y'aho atuye ubu.

3) FORM PLS4:

Iyi fishi PLS4 yuzurizwa umuntu wese wimutse akajya mu mudugudu utari uwo yari atuyemo igihe cya EICV3 (ibisubizo 2-4 ku kibazo cya 6 PLS3). Umukarani w'ibarura ashakisha amakuru ashoboka yose yafasha kumenya aho atuye kuri ubu iyo amaze kuzuza Ikirango cye, itariki uherewe amakuru, numero ya cluster na numero y'urugo (HH ID) yari arimo muri EICV3 na PID ye.

[illegible]

Iyo ushakishwa atabonetse aho yimukiye kuko yongeye kwimuka, musaba amakuru ajyanye n’aho yimukiye ubwa kabiri maze mukayuzuka ku ifishi ya kabiri “*Secondary Tracking information*” yabigenewe (iteye nk’iyayibanjirije).

(yuzuzwa iyo ushakishwa atabonetse aho yimukiye bwa mbere)

Iyo mumaze kuzuza numero ibaranga, itariki y'ikiganiro, ibiranga urugo (Cluster + HH ID) n'ushakishwa (PID), mukora lisiti y'abantu bose bagomba gushakirwa hamwe (No ID n'amazina). Hanyuma, mwuzuzura ibiranga umuntu utanga amakuru (Amazina, Telefone, Akarere, Umurenge n'Umudugudu atuyemo) ndetse n'isano cyangwa ikintu kibahuza n'ushakishwa (ikibazo cya 1).

11

Emeli cyangwa Indi aderesi y'ushakishwa, maze mukabyuzuzwa ahabigenewe. Ikibazo cya 4 kimubaza niba azi aho ushakishwa akora, niba ahazi mwuzuzwa numero ya Telefone, amazina na aderesi by'Umukoresha we (umuntu cyangwa ikigo).

Birashoboka ko ubazwa yaba afite andi makuru yafasha kumenya aho ushakishwa aherereye ubu (ikibazo cya 5); urugero: Urusengero asengeramo, Isoko acururizamo, ishuri yigiramo ... Ayo makuru yuzuzwa mu mwanya wabigenewe.

Ushakishwa ashobora kuba yarimukanye n'undi muntu (ikibazo cya 6) ufitiwe amakuru yafasha kubona uwo mushakisha. Ayo makuru yuzuzwa mu mwanya wabigenewe.

Iyo umukarani w'ibarura arangije kuzuza PLS4, ajya kuzuza ikibazo cya 10 kuri PLS3 aho buri wese warugize urugo muri EICV3 ahabwa ikirango hakurikijwe niba yujurijwe PLS4, niba yarimutse aherekeje uwujurijwe PLS4, agituye mu mudugudu, adashakishwa kuko adafitanye isano na nyiri urugo cyangwa atabonewe amakuru y'aho yimukiye.

Uko PLS4 ihererekanywa: Umukarani w'ibarura wujuje ***PLS4*** ikubiyemo ibiranga aho ushakishwa aherereye, ayishyikiriza **Controller** we, uyu akayishyikiriza **Mobile Team y'Intara**, iyi Team nayo ikayohereza kuri **Mobile Team y'Intara ushakishwa abarizwamo**.

Iyo ayo amakuru ageze kuri Mobile Team y'Intara ushakishwa abarizwamo, iyo Team iramushakisha maze ikuzuza kuva ku kibazo 7 kugeza ku kibazo 9 kuri PLS4.

Icyitonderwa: Ifishi PLS4 zakoreshejwe gushakisha abimutse zoherezwa ku kigo cya NISR hamwe n'intonde z'ibibazwa igice A zujujwe.

IFISHI PLS2: IFISHI IGARAGAZA INGO ZOSE ZO MURI CLUSTER

Iyi fishi PLS2 ni imbonera hamwe ya Cluster (umudugudu) itanga amakuru ajyanye n'ingo zose zari muri EICV3 n'iziyongereyeho muri EICV4.

Umukarari w'ibarura			Igihe uhewe amakuru			Ibiranga urugo muri EICV3					
			Itariki	Ukwezi	Umwaka	Nimero ya Cluster					
EICV3/EICV4			Ingo zose muri Cluster	Urugo rwa EICV3	Ingo z'abari bagize ingo muri EICV3			Gusimbura (Abashubij e F2=2 cg F2=3)	Ingo zishakishw a	Intonde zujujwe	
S ID	HH ID	PID	F2	F3	F4	F5	F6	F7	F8	F9	
			1= Urugo rwabonetse mu nzu rwari rutuyemo muri EICV3 ari nta mpinduka zikomeye (abafite isano 11+12 batarimo) => F9 2= Urugo rwabonetse mu yindi nzu mu mudugudu rwari rutuyemo muri EICV3 (nubwo abafite isano 11+12 baba batarimo) => F7 3= Urugo rwose ntrugituye mu mudugudu rwari rutuyemo muri EICV3 => F3 4= Urugo rwabonetse ariko bamwe mu bari barugize muri EICV3 ntibakirubamo (bafite isano 01-10) => F3 5= Urugo rushya rw'abari bagize urugo rwa Panel (abafite isano 01-10) rwabonetse mu mudugudu => F9 6= Urugo rushya rwasimbuye mu nzu urugo rwa Panel => F9 7= Urugo rusimbura kugirango umubare w'ingo zibazwa (9/12) wuzure => F9 8= Urugo rutabonetse => F9 9= Urugo rwanze gusubiza => F9 0= Urugo rwasimbuwe muri EICV3 => F9	Umubare w'ingo zavutse ku rugo rwa Panel NIBA ARI "0" => F7	No ID y'ufitanye isano ya hafi na nyiri urugo mu bimukiye hamwe NIBA YARIMUTSE WENYINE, ANDIKA No ID YE	Hari urugo rwavutse ku rugo rwa Panel rwabonetse mu mudugudu? 1= Yego 2= Oya => F7	No ID yahawe urugo rwabonetse mu mudugudu rukomoka ku rugo rwa Panel => F8	Andika "0" niba inzu urugo Panel rwari rutuyemo muri EICV3 idatuwe NIBA INZU ITUWE N'URUNDI RUGO, ANDIKA HH ID YAHawe URWO RUGO RUYITUYE UBU	Andika umubare w'ingo zigomba gushakishw a na Mobile team, niba ari ntazo mwandike "0"	Ese urutonde rw'ibazwa wa rw'uru rugo rwujujwe? 1= Yego 0= Niba rutabonetse mu mudugudu	
01											
02											
03											
04											
05											
06											
07											
08											
09											
10											
11											
12											
13											
14											
15											
16											
17											
18											
19											
20											
21											
22											
A			UMUBARE W'INTONDE Z'IBIBAZWA (Questionnaires) ZUJUJWE MURI CLUSTER							-	
B			UMUBARE W'IFISHI "PLS4" ZAHawe MOBILE TEAM								-
IFISHI "PLS4" ZAHawe MOBILE TEAM											
			IGITERANYO KIGOMBA KUNGA NA N'ICYO KU MURONGO "B"								

Uko iyi fishi yuzuzwa (itangira kuzuzwa *Listing* irangiye, ikarangira kuzuzwa ibiganiro birangiye mu ngo zose zabaruwe muri Cluster):

- Mu nkingi S ID (Serial number) igizwe na nimeru 01 kugera kuri 22 bingana n’umubare w’ingo zishobora kubarurwa muri cluster;
- Mu nkingi HH ID huzuzwa nimeru y’urugo rwabaruwe muri EICV3 iyo ari urwo rugo nyine, urugo rurukomokaho, urugo rurusimbura mu nzu cyangwa se urugo urugururimbura kugirango umubare w’ingo 9/12 wuzure mu mudugudu;
- Mu nkingi PID, huzuzwa :
 - nimeru **PID 00** niba ari urugo rwakorewemo EICV3 (Panel);
 - nimeru **PID y’uwari ufite isano ya hafi na nyiri urugo** mu bimukiye hamwe niba ari urugo rukomoka ku rugo rwakorewemo EICV3 (Panel);
 - nimeru **PID 94** niba ari urugo rutuye mu nzu yari ituwemo n’urugo rwo muri EICV3;
 - nimeru **PID 95** niba ari urugo rusimbura kugirango muri Cluster habazwe ingo 9/12.
- Kuri buri HH ID, mwuzuzwa ikirango kijyanye n’igisubizo kiri mu nkingi F2:
 - 1= Urugo rwabonetse mu nzu rwari rutuyemo muri EICV3 ari nta mpinduka zikomeye (abafite isano 11-12 batarimo) => **F9**
 - 2= Urugo rwabonetse mu yindi nzu mu mudugudu rwari rutuyemo muri EICV3 (nubwo abafite isano 11-12 baba batarimo) => **F7**
 - 3= Urugo rwose ntirugituye mu mudugudu rwari rutuyemo muri EICV3 => **F3**
 - 4= Urugo rwabonetse ariko bamwe mu bari barugize muri EICV3 ntibakirubamo (abafite isano 01-10) => **F3**
 - 5= Urugo rushya rw’abari bagize urugo rwa Panel (abafite isano 01-10) rwabonetse mu mudugudu => **F9**
 - 6= Urugo rushya rwasimbuye mu nzu urugo rwa Panel => **F9**
 - 7= Urugo rusimbura kugira ngo umubare w’ingo zibazwa (9/12) wuzure => **F9**
 - 8= Urugo rutabonetse => **F9**
 - 9= Urugo rwanze gusubiza => **F9**
 - 0= Urugo rwasimbuwe muri EICV3 => **F9**
- Mu nkingi F3, mwuzuzwa umubare w’ingo zavutse ku rugo rwa Panel, niba ari ntarwo, mwandika “0” mukajya kuri F7;
- Mu nkingi F4, mwuzuzwa No ID y’ufitanye isano ya hafi na nyiri urugo mu bimukiye hamwe, ariko niba yarimutse wenyine, mwandika No ID ye;
- Mu nkingi F5, musubiza ikibazo kibaza niba hari urugo rushya (rwavutse ku rugo rwa Panel) rwabonetse mu mudugudu, niba ari “Oya”, mujya kuri F7
- Mu nkingi F6, mwuzuzwa No ID yahawe urugo rwabonetse mu mudugudu rukomoka ku rugo rwa Panel cyangwa urugo rurusimbura, hanyuma mukajya kuri F8;
- Mu nkingi F7, mwandika “0” niba inzu urugo rwa Panel rwari rutuyemo muri EICV3 idatuwe; niba iyo nzu ituwe, mwandike HH ID yahawe urugo ruyituye;
- Mu nkingi F8, mwandika umubare w’ingo zigomba gushakishwa na Mobile team, niba ari ntazo mwandike “0” => urugo rwa EICV3 rushobora kubara ingo nyinshi zishakishwa mu gihe abari barugize batimukiye hamwe bese;

- Mu nkingi F9, musubiza ikibazo kibaza niba urugo rwujuriye urutonde rw'ibibazwa (questionnaire). Niba ari "Yego", mwandika 1, niba urugo rutabonetse mu mudugudu, mwandike 0.

Iyo kuzuza iyi mbonerahamwe birangiye, mwuzuzwa mu murongo "A" igiteranyo cy'ingo zigomba gushakishwa na Mobile Team. Naho mu murongo "B" huzuzwa igiteranyo cy'intonde z'ibibazwa zujwe muri cluster.

Icyitonderwa:

Mu mirongo y'imbonerahamwe iri munsu, huzuzwa ingo zakorewe ifishi PLS4 zahawe Mobile Team kugirango zishakishwe. Huzuzwa amakuru ajyanye na "S ID", "HH ID", "PID" n'inkingi F8, hanyuma hagakorwa igiteranyo cya F8 mu murongo wa nyuma. Icyo giteranyo kigomba kungana n'icyabonetse mu murongo "B".

AMATEGEKO 10 YA PANEL

No	Itegeko	Aho bikorehwa	Igikorwa
1	Urugo rwa EICV3 Panel barusanze aho rwari rutuye	Panel	Baza urugo rwose
2	Urugo rwa EICV3 Panel barusanze mu mudugudu aho rwari rutuye ariko mu nzu itandukanye n'iyi rwari rurimo muri EICV3.	Panel	Baza urugo rwose
3	Umwe mu bagize urugo rwari muri EICV3 Panel ufitanye isano na nyiri urugo kuva kuri 1-10 akaba yarimukiye mu rundi rugo muri uwo mudugudu.	Panel	Baza urugo rwose
4	Umwe mu bagize urugo ruri muri EICV3 Panel (isano na nyiri urugo ari 11 cg 12) wimukiye mu mudugudu urugo rwa panel rwari rusanzwemo	Ntaho	Ntumubaze
5	Urugo rushya ruri mu nzu yari utuyemo urugo rwa Panel	Hose	Baza urugo rwose
6	Umwe mu bagize urugo ruri muri EICV3 Panel warufite imyaka 13 no kuzamuka muri EICV3 ufitanye isano na nyiri urugo kuva kuri 01-04 wimutse akava mu mudugudu urugo rwari rutuyemo	Panel	Itsinda rya mobile ku mushakisha
7	Umwe mu bagize urugo ruri muri EICV3 Panel wari ufite imyaka 13 no kuzamura muri EICV3 ufitanye isano na nyiri urugo kuva 05-12 wimutse akava mu mudugudu urugo rwari rutuyemo	Panel niba ari kumwe n'umwe mu bavugwa mu itegeko rya 6	Baza uru rugo gusa niba umuntu arebwa n'itegeko rya 6
8	Umwe mu bagize urugo ruri muri EICV3 Panel ufite imyaka 13 no kuzamura muri EICV3 wimutse akava mu mudugudu urugo rwari rutuyemo	Panel niba ari kumwe n'umwe mu bavugwa mu itegeko rya 6	Baza uru rugo gusa niba umuntu arebwa n'itegeko rya 6
9	Umwe mu bagize urugo ruri muri EICV3 Panel wimukanye n'umwe mu barebwa n'itegeko rya 6	Panel niba ari kumwe n'umwe mu bavugwa mu itegeko rya 6	Baza uru rugo gusa niba umuntu arebwa n'itegeko rya 6
10	Gusimbura mu kuzuza ingo ziteganyijwe mu mudugudu (ingo 12 mu cyaro cg 9 mu mujyi)	Hose	Kora <i>listing</i> mu mudugudu wose maze utoranye ingo 6 zisimbura iyo umubare w'ingo zabajijwe zituzuye

GUSHYIRA INOMERO KU MAZU NO KU NGO

Ibarura ry'ingo (gushyira inomeru ku mazu) rigamije gushyira ku rutonde ingo zose zituye mu gapande k'ibarura katoranyijwe (ku rwego rwa mbere) kugirango hatanywemo ingo zizakorerwamo **EICV4** (ingo za **PANEL** n'**INGO NSHYA**). Uwo murimo uzakorwa n'abakarani b'ibarura babiri mu Turere two mu Ntara mu gihe cy'iminsi 2, naho mu Turere tugize umujyi wa Kigali, hataganyijwe ko ibarura ry'ingo mu gapande k'ibarura rizakorwa n'umukozi umwe mu gihe cy'iminsi 3.

Ikiye ya EICV4 nimara kwimenyekanisha ku buyobozi mu Karere, izajya mu mudugudu ubarizwamo agapande k'ibarura kabururwa, imenyeshye ubuyobozi bwawo ko agapande k'ibarura katoranyijwe hakoreshejwe tombola, inasobanure imirimo ya EICV igiye gukorwa mu mudugudu, ariyo:

- kumenya imbibi z'agapande k'ibarura;
- gushyira inomeru ku mazu no ku ngo zituye mu gapande k'ibarura/umudugudu;
- gukora urutonde rw'ingo zituye mu gapande k'ibarura/umudugudu;
- gutoranya kuri urwo rutonde ingo zizakorerwamo ibarura EICV4;
- kumenya aho ibikorwa by'amajyambere rusange by'ingenzi biherereye mu gapande k'ibarura;
- gukora ibiganiro n'ingo zatoranyijwe mu gihe cy'iminsi 16 mu Ntara n'iminsi 33 mu Mujyi wa Kigali.

Hanyuma, muri icyo mirimo igiye gukorwa, ikiye izasaba ubufasha bw'abayobozi b'umudugudu cyane cyane kumenya neza imbibi n'ibikorwaremezo by'ahazakorerwa ibarura no gukangurira abatungira kwitabira ibarura.

Kugirango hatagira icyibagirana, ibikorwa bikurikirana ku buryo bukurikira:

- 1) kuzenguruka agapande k'ibarura hifashishijwe ikarita yateguwe mu gihe cy'ibarura rusange rya kane (4PHC-2012) kugirango umurimo wo gushyira inomeru ku mazu no ku ngo utegurwe kandi ukorwe neza.
- 2) gukora ilisiti y'amazu n'ingo hifashishijwe Ifishi 1. Ni byiza gushyira inomeru ku mazu no ku ngo umurongo ku wundi uko zikurikiranye (ahari ubucucike mu miturire) cyangwa umusozo ku wundi (aho abantu batuye ku buryo bwitaruye mu cyaro). Byumvikane ko inzu ishobora guturwamo n'ingo nyinshi nkuko urugo rumwe rushobora gutura mu mazu menshi.

Icyitonderwa: Amazu adatuwe yagenewe guturwamo n'atwemo ataricyo yagenewe nayo azashyirwaho inomeru kugirango twizere ko ari nta rugo na rumwe rwibagiranye, dore ko hari ingo zitura mu ma "chantiers".

- 3) guhuza impapuro zose zakoreshejwe mbere yo gukora ilisiti y'ingo zose zituye mu gapande k'ibarura mu nkingi ya nyuma ku Fishi 1, kugirango byoroshye igikorwa cyo gutoranya ingo zizabarurwa.

Icyitonderwa: Ingo z'abanyamahanga batari Abanyafurika, n'ingo z'abakozi batari Abanyarwanda bo ku rwego mpuzamahanga (Ambasade cy'Imiryango mpuzamahanga) ntizibarurwa muri EICV.

Gushyira inomeru ku mazu no ku ngo, hifashishwa ifishi F1.

❖ Ifishi F1 : Lisiti y'amazu n'ingo mu Gapande k'Ibarura (EA)

Amaze kuzuza ibiranga Agapande k'Ibarura (EA) kuri iyi fishi F1, umukarani w'ibarura azatangira umurimo wo gushyira nomero ku mazu (HU) uko akurikiranye, na nomero ku ngo uko zikurikiranye muri buri nzu.

HU (Housing Unit) ni inzu yagenewe guturwa ishobora guturwamo n'urugo rumwe cyangwa ingo nyinshi. Na none, urugo rushobora gutura mu nzu imwe cyangwa inzu nyinshi.

Inomeru y'inzu na nomero y'urugo zizandikishwa marikeri cyangwa ingwa (aho marikeri itabona) aho binjirira. Niba binjirira henshi, iyo nimero izandikwa hose (**urugero: EICV4/006/02**).

Uko buri nkingi y'ifishi F1 yuzuzwa:

Inkingi ya 1: Nimero y'inzu (HU)

Muri iyi nkingi, mwandika nomero y'inzu (HU). Inomeru ntizitangwa mu kajagari, uhubwo muzikurikiranya mukurikije uko imiturire mu gapande k'ibarura iteye (uko mwayibonye muzenguruka imbibe z'agapande k'ibarura).

Inkingi ya 2: Nimero y'urugo mu nzu (HU)

Mubaza abo muri iyo nzu niba hari izindi ngo baturanye mu nzu, niba zihari mukaziha nomero zikurikiranye mukurikije umubare wazo muri iyo nzu. (**urugero: Niba hari ingo 3 mu nzu n°006, nimero y'urugo rugezweho akaba ari n° 02 mu nzu n° 006, mwandike EICV4/006/02**). Izikurikiyeho muri iyo nzu zihabwa nomero ku buryo bukurikira: **EICV4/006/03 EICV4/006/04**. Igihe hari inzu idatuwemo n'urugo, inzu ihabwa inomeru ikurikira iyari igezweho, mu mwanya wa nimero y'urugo hakandikwa amazero abili (00)

Urugero: niba inzu yaherukaga guhabwa nimero ari EICV4/006/04, ikurikiye ikaba irimo urugo rudatuwemo izahabwa inomeru mu buryo bukurikira: EICV4/007/00.

Inkingi ya 3: Amazina ya Nyiri urugo

Mwandika amazina yose ya nyiri urugo kuko ariyo atuma urugo rumenyekana mu gihe bikenewe. Hari abagira amazina menshi, amwe ari amahimbano, mwandike azwi n'ubuyobozi.

Inkingi ya 4: Telefone ya Nyiri urugo cg Aho abarizwa

Kumenya Telefone ya nyiri urugo bizafasha igihe cyose muzakenera kuvugana nawe, naho kumenya aho abarizwa (nko ku kazi) bizafasha kumenya uwo ariwe niba hari undi bitiranwa.

Inkingi ya 5: Igitsina (1= M ; 2= F)

Nyiri urugo yuzurizwa igitsina hakoreshejwe ikirango, igitsina Gabo ni 1, igitsina Gore ni 2.

Inkingi ya 6: Ubwenegihugu

Ubwenegihugu bwa nyiri urugo buzafasha kumenya niba urugo rushobora kubazwa. Kuzuza iyi nkingi, hazakoreshwa ibirango gusa ku buryo bukurikira:

Abanyarwanda	:	1	Abarundi	:	2
Abanyekongo (DRC)	:	3	Abagande	:	4
Abanyatanzaniya	:	5	Abanyakenya	:	6
Abandi banyafurika	:	7	Abandi	:	8

Icyitonderwa: Ingo z'abanyamahanga batari Abanyafurika, n'ingo z'abakozi batari Abanyarwanda bo ku rwego mpuzamahanga (Ambasade cg Imiryango mpuzamahanga) ntizibarurwa muri EICV.

Iyo gushyira inomeru ku mazu no ku ngo no kuzuza inkingi zose zavuzwe birangiye, ni ngombwa guhuza ifishi zose zakoreshejwe mbere yo kuzuza inkingi ya 7, mukuzuza paji mwubahiriza uko inomeru z'amazu zikurikiranye.

Urugero: niba hujujwe paji 5, zizakurikiranywa ku buryo bukurikira: paji ya mbere ni 1/5, iya kabiri ni 2/5, iya gatanu ni 3/5, iya kane ni 4/5, iya gatanu ni 5/5. Iyo ibyo birangiye, niho inkingi ya 7 yuzuzwa.

Inkingi ya 7: Nomeru y'urugo mu Gapande k'ibarura (EA)

Inkingi ya 7 yuzuzwa muha inomeru ingo zishobora kubazwa muri EICV gusa, guhera kuri 001 kugera ku nomero y'urugo rwanyuma "N". Niba umubare "N" utandukanye cyane n'uwavuye muri Census-2012, mugomba kubisuzuma n'umukuru w'umudugudu, byaba ngombwa mukarebera hamwe niba mutibeshye ku mbibi z'agapande k'ibarura.

Icyitonderwa: mu mudugudu ukorerwamo nka Panel, ingo zakorewemo EICV3 ntizishyirwa ku rutonde.

Urugero rw'ibarura ry'amazu n'ingo:

Nimero y'inzu (HU) (1)	Nimero y'urugo mu nzu (HU) (2)	Amazina ya Nyiri urugo (3)	Telefone ya nyiri urugo cg Aho abarizwa (4)	Igitsina 1= M 2= F (5)	Ubwene gihugu (6)	No y'urugo mu Gapande k'ibarura (7)
001	00	Inzu idatuwe	-	-	-	-
002	01	Shakira Damien	Umucuruzi	1	1	001
003	01	Célestin Kayumbu	Umukozi muri NISR	1	1	002
	02	Marie Louise Umutesi	Salon de coiffure AMAHORO	2	1	003
	03	Henriette Zawadi	Umubyeyi wikorera mu rugo	2	3	004
004	01	Mamadou Ali	Umukozi muri UNFPA	1	7	-
	02	Marcelin Nzobona	Umukozi muri UNFPA	1	1	005
...						

CLUSTER :

Paji ... kuri ...

IBARURA KU MIBEREHO RUSANGE Y'INGO

(Harimo n'uburyo umutungo ukoreshwa)

E.I.C.V.

IFISHI F1 : LISITI Y'AMAZU N'INGO

INTARA:.....

AKARERE:.....

UMURENGE:.....

AKAGARI:.....

UMUDUGUDU:.....

EA :

Umubare w'ingo :

Umukarani w'ibarura: Itariki: ../../201...

No y'inzu (HU) (1)	Nimero y'urugo mu nzu (2)	Amazina ya Nyiri urugo (3)	Telefone ya nyiri urugo cg Aho abarizwa (4)	Igitsina 1= M 2= F (5)	Ubwene gihugu (6)	No y'urugo mu Gapande k'ibarura (EA) (7)

IFISHI F1 : LISITI Y'AMAZU N'INGO (ibikurikira)**Paji ... kuri ...**

Nimero y'inzu (HU) (1)	Nimero y'urugo mu nzu (HU) (2)	Amazina ya Nyiri urugo (3)	Telefone ya Nyiri urugo cg Aho abarizwa (4)	Igitsi na 1= M 2= F	Ubwene gihugu (6)	No y'urugo mu Gapande k'ibarura (EA) (7)

III. GUTORANYA INGO ZIZABAZWA NO GUFATA IBIPIMO BYA GPS

Gutoranya ingo ku rutonde rw'ingo zituye mu gapande k'ibarura, hifashishwa “Tables” ziri ku mugereka: hari iyerekana uko bikorwa mu Muji wa Kigali n'indi yerekana uko bikorwa mu Ntara. Izi “Tables” ziratandukanye kuko mu Muji wa Kigali hatanywa ingo 12 harimo 3 zisimbura, mu Ntara hatanywa ingo 16 harimo 4 zisimbura.

Ingo zatoranyijwe zuzuzwa ku ifishi F2.

❖ Ifishi F2: Lisiti y'ingo nshya zatoranyijwe

Ifishi F2 yandikwamo ingo zatoranyijwe kuzabazwa mu ibarura EICV; hari igenewe Umujyi wa Kigali n'indi igenewe Intara kuko umubare w'ingo utangana. Yuzuzwa ku buryo bukurikira:

Inkingi ya 1 : mwandika nimero y'inzu (HU) iri mu nkingi ya 1 ku fishi F1.

Inkingi ya 2 : mwandika nimero yahawe urugo mu gapande k'ibarura iri mu nkingi ya 7 ku fishi F1.

Inkingi ya 4 : mwandika amazina ya nyiri urugo ari mu nkingi ya 3 ku fishi F1.

Inkingi ya 5 : 1 ni urugo rwatoranyijwe kubazwa; 2 ni urugo ruteganyirijwe gusimbura.

Inkingi ya 6 : hakoreshejwe GPS, mwuzuzwa ibipimo byafashwe kuri buri rugo rwatoranyijwe, aribyo : Latitude, Longitude na Altitude. Ibyo bipimo bizafasha kumenya aho izo ngo zihereye mu gihe zizatoranywa nka “Panel”.

CLUSTER :

IBARURA KU MIBEREHO RUSANGE Y'INGO
(Harimo n'uburyo umutungo ukoreshwa)

E.I.C.V.

IFISHI F2 : LISITI Y'INGO ZATORANYIJWE mu MUJYI wa KIGALI

INTARA:..... AKARERE:..... UMURENGE:.....

AKAGARI:..... UMUDUGUDU:..... EA :

Umubare w'ingo : Umukarani w'ibarura: Itariki: ../../201...

No y'inzu (1)	No y'urugo mu Gapande k'ibarura (2)	No y'ingo zatoranyijwe (3)	Izina rya Nyir'urugo (4)	Telefone	Rurabazwa= 1 Rurasimbura= 2 (5)	Ibipimo bya GPS (6)		
						Latitude	Longitude	Altitude
		01			1			
		02			1			
		03			1			
		04			1			
		05			1			
		06			1			
		07			1			
		08			1			
		09			1			
		10			2			
		11			2			
		12			2			

CLUSTER :

IBARURA KU MIBEREHO RUSANGE Y'INGO
(Harimo n'uburyo umutungo ukoreshwa)

E.I.C.V.

IFISHI F2 : LISITI Y'INGO ZATORANYIJWE mu NTARA

INTARA:..... AKARERE:..... UMURENGE:.....

AKAGARI:..... UMUDUGUDU:..... EA :

Umubare w'ingo : Umukarani w'ibarura: Itariki: ../../201...

No y'inzu (1)	No y'urugo mu Gapande k'ibarura (2)	No y'ingo zatoranyijwe (3)	Izina rya Nyir'urugo (4)	Telefone	Rurabazwa= 1 Rurasimbura= 2 (5)	Ibipimo bya GPS (6)		
						Latitude	Longitude	Altitude
		01						
		02						
		03						
		04						
		05						
		06						
		07						
		08						
		09						
		10						
		11						
		12						
		13			2			
		14			2			
		15			2			
		16			2			

❖ **Ifishi F2bis: Lisiti y’ingo zisimbura muri Panel**

Ingo 6 zisimbura muri **Panel** zitoranywa hifashishijwe “Table“ iri ku mugereka 3. Hateganyijwe ingo 6 zisimbura ingo zitabonetse mu mudugudu ukorerwamo Panel kugirango EICV4 yuzuze umubare w’ingo zikorerwamo ibarura: ingo 9 mu Mujyi wa Kigali n’ingo 12 mu Ntara.

CLUSTER :

IBARURA KU MIBEREHO RUSANGE Y’INGO

(Harimo n’uburyo umutungo ukoresheha)

E.I.C.V.

IFISHI F2bis : LISITI Y’INGO ZISIMBURA MURI PANEL mu MUJYI wa KIGALI

INTARA:..... AKARERE:..... UMURENGE:.....

AKAGARI:..... UMUDUGUDU:.....

Umubare w’ingo : Umukarani w’ibarura: Itariki: ../../201...

No y’inzu (1)	No y’urugo mu mudugudu (2)	No y’ingo zatoranyijwe (3)	Izina rya Nyir’urugo (4)	Telefone	Ibipimo bya GPS (6)		
					Latitude	Longitude	Altitude
		13					
		14					
		15					
		16					
		17					
		18					

CLUSTER :

IBARURA KU MIBEREHO RUSANGE Y'INGO

(Harimo n'uburyo umutungo ukoreshwa)

E.I.C.V.

IFISHI F2bis : LISITI Y'INGO ZISIMBURA MURI PANEL mu NTARA

INTARA:..... AKARERE:..... UMURENGE:.....

AKAGARI:..... UMUDUGUDU:.....

Umubare w'ingo : Umukarani w'ibarura: Itariki: ../../201...

No y'inzu (1)	No y'urugo mu mudugudu (2)	No y'ingo zatoranyijwe (3)	Izina rya Nyir'urugo (4)	Telefone	Ibipimo bya GPS (6)		
					Latitude	Longitude	Altitude
		17					
		18					
		19					
